**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU**

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP 00732/2020/TGI/RBV GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA.**

Umwaka w'i 2022, umunsi wa 14 w'ukwezi kwa Mata;

Twebwe DUSABIMANA Sylvère, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, dufashijwe na RUKUNDO Jean de Dieu, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza **RP 00732/2020/TGI/RBV**, Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Rubavu bukurikiranyemo **ABIMANA RAYMOND**, icyaha cyo gusambanya umwana, ruzaburanishwa ku wa **19/05/2022**.

Tumaze kubona ko **ABIMANA RAYMOND** mwene Ubuzemwabo Christian na Mukanyamibwa Immaculée, wavutse kuwa 01/01/2002, avukira mu mudugudu wa Birambo, Akagali ka Cyome, Umurenge wa Gatumba, Akarere ka Ngororero, Intara y'Iburengerazuba, udafite aho abarizwa hazwi, umunyarwanda, ufite telephone nimero +250788237188, utarakatirwa n'inkiko bizwi, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera.

Dushingiye ku ngingo za 160 na 161 z'Itegeko n°027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

Dutegetse **ABIMANA RAYMOND kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa 19/05/2022 saa mbili za mu gitondo,** ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Gisenyi, kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari.

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha, iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Umurenge wa Gatumba, no ku biro by'Akarere ka Ngororero.

Bikorewe i Rubavu mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| **Umucamanza** | **Umwanditsi** |
|---|---|
| **DUSABIMANA Sylvère** | **RUKUNDO Jean de Dieu** |